# REPUBLIC OF RWANDA
**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**
**P.O. Box : 1328 KIGALI-RWANDA**
**E-mail :** info@nppa.gov.rw **Website :** www.nppa.gov.rw


## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubushinjacyaha Bukuru buramenyesha abanyarwanda bose babyifuza kandi bujuje ibyangombwa bisabwa, ko bushaka gutanga akazi ku myanya ikurikira:

- Umushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye,
- Umushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze,
- Umufasha w'Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye,
- Umufasha w'Ubushinjacyaha ku Rwego rw'Ibanze.

Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku ngingo ya 1, 2, 25 n'iya 26 z'Itegeko n°12/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°44bis/2011 ryo ku wa 26/11/2011, rigena Sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, buramenyesha abifuza gupiganira iyo myanya ko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite impamyabumenyi mu by'amategeko ''bachelor's degree in law'';
3. Kuba ari inyangamugayo;
4. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarahagaritswe ku murimo by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
5. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
6. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6).

**Ibisabwa byihariye:**

1. Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'imyaka itatu (3) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'Umushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level);

2. Kuba afite icyemezo cy'uko yatsinze inyigisho mu ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'Ubushinjacyaha;

3. Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'umwaka umwe (1) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'umufasha w'Ubushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level);

4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

**Dosiye z'abakandida kuri uwo mwanya zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ku basaba akazi k'Ubushinjacyaha, n'iyandikiwe Umushinjacyaha Mukuru ku basaba akazi k'umufasha w'Ubushinjacyaha;

2. Umwirondoro w'usaba akazi;

3. Kopi y'impamyabumenyi;

4. Kopi y'indangamuntu;

5. Icyemezo cy'uburambe mu kazi nibura bw'imyaka itatu (3) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'Ubushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level) n'icyemezo cy'uburambe mu kazi nibura bw'umwaka umwe (1) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'umufasha w'Ubushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level).

**Uburyo bwo kohereza dosiye isaba akazi:**

1. Buri dosiye yuzuye yoherezwa kuri email nppa.recruitment@nppa.gov.rw;

2. Dosiye yoherezwa inshuro imwe ikubiyemo inyandiko zose zisabwa, kandi ziri muri pdf;

3. Kwakira dosiye bizakorwa kugeza kuwa Gatatu tariki ya 29/10/2025 saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Bikorewe i Kigali none kuwa 20/10/2025

Digitally
signed by
NPPA(Prosec
utor General)

**HABYARIMANA Angélique**
**Umushinjacyaha Mukuru**